**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA KARONGI**

**INYANDIKO IHINNYE IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**

**Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 23 w'ukwezi kwa MUTARAMA;**

**TWEBWE, RWAMAKUBA Jean de Dieu**, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa KARONGI

**Dushingiye** ku ngingo ya 142, 160 n'iya 162 y'Itegeko **Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha**.

**Tumenyesheje NIKOBAHORA Francois alias Gafotozi**, mwene HUMURE Elisha na YANKURIJE Sifora, yavutse mu w'i 1985, yavukiye mu Mudugudu wa Karambo,Akagari ka Murengezo, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, Intara y'iBurengerazuba, ho muri Repebulika y'u Rwanda; akaba atuye mu Mudugudu wa Wiro, Akagari ka Murengezo, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, Intara y'i Burengerazuba, ho muri Repubulika y'u Rwanda; ni umunyarwanda; arubatse; ni umuhinzi; ntacyo atunze; akaba yarakurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera.

Imikirize y'urubanza **RP/GEN 00002/2019/TGI/KNG** rwaciwe kuwa 20/11/2019 n'urukiko Rwisumbuye rwa KARONGI aregwa n'ubushinjacyaha ku cyaha cyo "GUSAMBANYA UMWANA, Icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 133 y `itegeko Nº 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n`ibihano muri rusange,"

__IMIKIRIZE Y'URUBANZA IKABA ITEYE ITYA:__

**III. ICYEMEZO CY`URUKIKO.**

9. **RWEMEJE** ko ikirego cy`ubushinjacyaha cyakiriwe kandi gifite ishingiro

10. **RWEMEJE** ko Nikobahora Francois alias Gafotozi ahamwa n`icyaha cyo gusambanya umwana 11. RUMUHANISHIJE igihano cyo gufungwa burundu

12. **RUTEGETSE** ko amagarama y`urubanza aherera ku isanduku ya leta.

13. RWIBUKIJE ko igihe cyo kujurira ari ukwezi kumwe

__ICYITONDERWA__ ; ***Amenyeshejwe ko*** *gusubirishamo urubanza rwaburanishijwe uregwa adahari bikorwa mu gihe cy'iminsi* ***__icumi n'itanu( 15)__*** *uhereye igihe yamenyesherejwe imikirize y'urubanza nkuko ingingo ya 174 y'itegeko ryavuzwe haruguru . Naho kujurira bikaba bikorwa mu gihe* ***__cy'ukwezi kumwe__*** *kuva amenye imikirize y'urubanza nkuko ingingo ya 181 y'itegeko ryavuzwe haruguru.*

**Bikorewe i KARONGI ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.**

**__UMWANDITSI__**

**RWAMAKUBA Jean de Dieu**

URUKIKO RWISUMBUYE RWA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**__UMENYESHEJWE__**

NIKOBAHORA Francois alias Gafotozi

**__UMUMENYESHEJE__ (amazina)...............................**

Itariki.......................................................................................

Icyo akora...................................................................................

Umukono na Kashe.......................................................................